AMASEZERANO Y'ABAHIRE BA NYINA WA JAMBO KU NYUNDO

Amasezerano y'Abahire ba Nyina wa Jambo 5, abakobwa batatu n'umuhungu umwe bakoze amasezerano y'umwaka umwe undi mukobwa akora amasezerano ya burundu mu muryango w'abahire ba Nyina wa Jambo kuri uyu wambere tariki ya 02/10/2017 muri Diyosezi ya Nyundo Imbere ya Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA umushumba wa Diyosei Gatolika ya Nyundo muri Chapelle y'Ababikira ba Mutagatifu Vincent wa Pawulo.

Ubutumwa Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yageneye ABAHIRE ba Nyina wa Jambo basezeranye n'abandi bose bari baje kwifatanya nabo gushimira Imana uwo munsi:

Yatangiye yifuriza umunsi mwiza Abahire bagiye gusezerana kuko ari umwanya ukomeye kuri bo no ku muryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo.

Umuhanuzi Yeremiya yumvise ijwi ry'Imana n'ubwo yari akiri muto bwose ariko Uhoraho yaramuhumurije kandi avuga icyo Uhoraho yamubwiye kuvuga; kandi akora icyo Uhoraho amweretse gukora neza. Namwe rero ntimuzagire ubwoba kuko Uhoraho wabahamagaye muri kumwe. Mwahisemo kwegurira Imana ubuzima bwanyu kuko mwumvise amagambo ya Pawulo Mutagatifu mu Ibaruwa ye yandikiye Abanyafilipi agira ati «Ariko ibyo byose byampeshaga agaciro nasanze ari igihombo, kubera Kristu. Ndetse nsanga ko ibintu byose ari igihombo ubigereranyije n'icyiza gisumba byose ari cyo kumenya umwami wanjye Yezu Kristu. Kubera We nemeye guhara byose no ku byita umwanda, kugira ngo nunguke Kristu, maze nzamusange ntishingikirije ubutungane bwanjye bukomoka ku mategeko ahubwo mfite ubutungane bukomoka ku kwemera Kristu,buva ku Mana, bukaba bushingiye ku kwemera.» (Fil.3, 7-9)

Mwamenye Yezu Krisru muramukurikira; mukomeze kwishushanya na We mubuzima bwanyu mugenza nka We, kugirango ku munsi w'izuka muzabe muri kumwe na We mu ikuzo rye hamwe n'Intore ze zose. Maze rero nka Pawulo Mutagatifu, mwe musezeranye burundu si ukuvuga ko mubonye cyangwa mugeze ku butungane; ahubwo mutangiye urundi rugendo rwo kurushaho kuba abahamya

b’ukwemera gatolika; kuba abahamya b’Impuhwe z’Imana; muhamagariwe kandi kuba abanyampuhwe nk’uko Data wo mu Ijuru ari Umunyampuhwe. Mu buzima bwanyu rero, nka Elizabeti mujye muhora muzirikana muti mbikesha iki kugira ngo Uhoraho abe yarantoranyije mu bandi ngo mbe umwihariko we? Bityo muzahora muzirikana icyo muri cyo n’icyo mubereyeho. Namwe rero ubu murahirwa kuko mwemeye ko ugushaka kw’Imana kuzurizwa muri mwe. Umubyeyi Bikira Mariya azahore abasura abibutsa amasezerano mwagiriye Imana na Kiliziya bityo karame na yego byanyu bizahore bibereyeho kubatagatifuza no gutagatifuza abandi munyuze mubikorwa bigenwa n’umuryango w’Abahire ba Nyina wa jambo. Muzahore koko muri Abahire ba Nyina wa Jambo.

Umuhire Béatrice NAHIMANA Mama Mukuru w’umuryango w’Abahire ba Nyina wa Jambo yishimiye intera bamaze kugeraho ukurikije amateka y’uyu muryango.

Mu ijambo rye yashimiye abashinze uyu muryango, ashimira Abahire bambere uko babaye intwari. Yakomeje kandi ashimira Abashumba ba Diyosezi Gatolika ya Nyundo kugeza ubu uko bagiye babitaho, ndetse bakanabemerera gukora nk’umuryango n’ubwo bitaragera ku ntera ikwiye, ariko ,ko bafite icyizere ko babifashijwemo na Nyiricyubahiro Musenyeri bizagerwaho.

Yashimiye abantu bose babafasha, ashimira n’ababyeyi babahaye Intore zasezeranye; ashimira na Padiri RWAKAREKE Fabien Intumwa yihariye y’Umwepisikopi ku Bahire ba Nyina wa Jambo.

Yashoje ijambo rye asaba kandi atinyura n’urundi rubyiruko rwose ko kwiha Imana ari byiza kandi bishoboka ko nabo baza.

Padiri RWAKAREKE Fabien Aumonier w’uyumuryango yagaragaje ko Abahire ba Nyina wa Jambo batangije uyu muryango, biyumvisemo ijwi ry’Imana; ubwo iki gitekerezo cyo kuwutangiza cyagizwe n’abakobwa 7 aho bifuzaga kwiyegurira Imana ariko ku bw’amashuri make bari bafite nti bibakundire ariko kubera umuhamagaro bari bifitemo bakomeje kubisaba Musenyeri Ludoviko GASORE azakubibemera babona kuwutangiza mu mwaka w’ 1987.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi Gatolika ya Nyundo,asoza uwo munsi, yashimiye Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yasimbuye uburyo yakurikiranye uyu muryango awuha abawufasha kandi bawubahafi mu mikorere yawo ndetse akaza no kuwemera ku mugaragaro ko wakorera muri Diyosezi ya Nyundo mu mwaka wa 2005. Yakomeje ashimira abakoze amasezerano cyane uwakoze amasezerano ya burundu,ariko anashishikariza abandi gukura nabo bajya mbere. Yashoje ashimira abari aho bose, ashimira na Padiri Jean Paul RUTAKISHA,Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Muhororo wabafashije mu mwiherero bakoze bitegura amasezerano.

Ashimira n'Abahire uko bateguye umunsi mukuru, nuko nabo ubwabo biteguye. Arangije abaha umugisha.